(1) Umukomiseri ntashobora gukurikiranwa, gushakishwa, gufatwa, gufungwa cyangwa gucirwa urubanza kubera ibikorwa yakoze yuzuza inshingano ze. Icyakora, afatiwe mu cyuho akora icyaha cy'ubugome cyangwa gikomeye cyangwa akagaragara ho igikorwa cyatuma amatora atagenda neza, akurikiranwa hakurikijwe amategeko abigenga.	(1) A commissioner cannot be prosecuted, pursued, arrested, detained or judged on account of his or her acts committed in carrying out his or her duties. However, if he or she is found in flagrante delicto while committing a felony or misdemeanour or does an act likely to hinder the smooth running of elections, he or she is prosecuted in accordance with relevant legislation.	(1) Un commissaire ne peut être poursuivi, recherché, arrêté, détenu ou jugé en raison des actes posés dans l'exercice de ses fonctions. Toutefois, lorsqu'il est pris en flagrant délit d'infraction qualifiée de crime ou de délit ou lorsqu'il accomplit un acte de nature à perturber le bon déroulement des élections, il est poursuivi conformément à la législation en la matière.
(2) Ubudahangarwa buvugwa mu gika cya (1) cy'iyi ingingo bugarukira gusa ku byaha yakoze ari mu mirimo ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora cyangwa biturutse kuri iyo mirimo.	(2) The immunity referred to in Paragraph (1) of this Article only covers offences committed in the course of performance of or arising out of activities of the National Electoral Commission.	(2) L'immunité visée au paragraphe (1) du présent article ne s'applique qu'aux infractions commises dans l'accomplissement des activités de la Commission nationale électorale ou à celles découlant de ces dernières.
<u>Ingingo ya 17: Umushahara n'ibindi bigenerwa umukomiseri</u>	<u>Article 17: Salary and fringe benefits for a commissioner</u>	<u>Article 17: Salaire et avantages alloués à un commissaire</u>
Iteka rya Perezida rigena umushahara n'ibindi bigenerwa umukomiseri.	A Presidential Order determines the salary and fringe benefits for a commissioner.	Un arrêté présidentiel détermine le salaire et les avantages alloués à un commissaire.
<u>Ingingo ya 18: Ibitabangikanywa no kuba umukomiseri</u>	<u>Article 18: Incompatibilities with the function of commissioner</u>	<u>Article 18: Incompatibilités avec la fonction de commissaire</u>
(1) Umurimo w'umukomiseri	(1) The function of commissioner is	(1) La fonction de commissaire est

ntubangikanywa n'undi murimo uwo ari wo wose uhemberwa. (2) Umurimo w'umukomiseri ntubangikanywa no kuba mu mwanya w'ubuyobozi bw'Umutwe wa Politiki. (3) Ntibyemewe kandi ko umukomiseri cyangwa ikigo afitemo imigabane gupiganira amasoko muri Komisiyo y'Igihugu y'Amatora. <u>Ingingo ya 19: Impamvu zituma umukomiseri ava muri uwo mwanya</u> Umukomiseri ava kuri uwo mwanya iyo – (a) manda ye irangiye; (b) yeguye mu nyandiko yandikiye Perezida wa Repubulika; (c) ananiwe gutunganya imirimo ashinzwe; (d) ahinduriwe imirimo; (e) atacyujye ibyashingiweho ashirwa mu bagize abakomiseri;	incompatible with the discharge of any other remunerated function. (2) The function of commissioner is incompatible with the holding of a leadership position within a political organization. (3) A commissioner or a company in which he or she holds shares is prohibited from bidding for tenders of the National Electoral Commission. <u>Article 19: Reasons for ceasing to be a commissioner</u> A person ceases to be a commissioner if– (a) his or her term of office expires; (b) he or she resigns in writing to the President of the Republic; (c) he or she fails to discharge his or her duties; (d) he or she is assigned to other functions; (e) he or she no longer meets requirements for his or her appointment as a commissioner; or	incompatible avec l'exercice de toute autre fonction rémunérée. (2) La fonction de commissaire est incompatible avec l'occupation d'un poste de responsabilité au sein d'une formation politique. (3) Il est également interdit à un commissaire ou une société dont il est actionnaire de soumissionner aux marchés de la Commission nationale électorale. <u>Article 19: Motifs de perte de la qualité de commissaire</u> La qualité de commissaire se perd par – (a) l'expiration du mandat; (b) la présentation par le commissaire de sa démission par écrit au Président de la République; (c) le défaut par le commissaire de s'acquitter de ses fonctions; (d) l'affectation du commissaire à d'autres fonctions; (e) le fait par le commissaire de ne plus remplir les conditions de sa nomination en tant que commissaire; ou
--	---	---

(f) cyangwa apfuye. <u>Ingingo ya 20:</u> Isimburwa ry'umukomiseri (1) Iyo umukomiseri avuye ku mirimo, asimburwa mu gihe kitarenze iminsi 90 uhareye ku munsu yayiviriyeho. (2) Iyo hari umukomiseri ugiye kurangiza manda ye, Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora abimenyesha mu nyandiko Perezida wa Repubulika hasigaye nibura iminsi 90 ngo manda ye irangire. <u>Akiciro ka 2:</u> Biro ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora <u>Ingingo ya 21:</u> Inshingano za Biro ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora Biro ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ifite inshingano zikurikira: (a) gutegura inama z'Inama y'Abakomiseri;	(f) he or she dies. <u>Article 20:</u> Replacement of a commissioner (1) When a commissioner ceases to be a commissioner, he or she is replaced within 90 days from the date of his or her ceasing to be a commissioner. (2) If a commissioner's term of office is nearing expiry, the Chairperson of the National Electoral Commission informs the President of the Republic thereof in writing at least 90 days prior to the expiry of the term of office. <u>Subsection 2:</u> Bureau of the National Electoral Commission <u>Article 21:</u> Responsibilities of the Bureau of the National Electoral Commission The Bureau of the National Electoral Commission has the following responsibilities: (a) to prepare the meetings of the Council of Commissioners;	(f) le décès du commissaire. <u>Article 20:</u> Remplacement d'un commissaire (1) Lorsqu'un commissaire perd sa qualité de commissaire, il est remplacé dans les 90 jours à compter du jour de la perte de cette qualité. (2) S'il y a un commissaire dont le mandat approche de son expiration, le Président de la Commission nationale électorale en informe par écrit le Président de la République au moins 90 jours avant que ce mandat n'arrive à expiration. <u>Sous-section 2:</u> Bureau de la Commission nationale électorale <u>Article 21:</u> Attributions du Bureau de la Commission nationale électorale Le Bureau de la Commission nationale électorale a les attributions suivantes: (a) préparer les réunions du Collège des commissaires;
--	--	---

(b) gutegeza no kugeza ku Nama y'Abakomiseri gahunda y'ibikorwa by'amatora; (c) gukurikirana imirimo y'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora n'ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama y'Abakomiseri; (d) gukora undi murimo ujyanye n'inshingano za Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yashingwa n'Inama y'Abakomiseri.	(b) to prepare and submit the action plan of the National Electoral Commission to the Council of Commissioners; (c) to monitor the activities of the Executive Secretariat of the National Electoral Commission and the implementation of resolutions of the Council of Commissioners; (d) to perform any such other duty falling within the responsibilities of the National Electoral Commission as may be assigned by the Council of Commissioners.	(b) préparer et soumettre au Collège des commissaires le plan d'action de la Commission nationale électorale; (c) faire le suivi des activités du Secrétariat exécutif de la Commission nationale électorale et l'exécution des résolutions du Collège des commissaires; (d) accomplir toute autre tâche relevant des attributions de la Commission nationale électorale que le Collège des commissaires peut lui confier.
<u>Ingingo ya 22: Abagize Biro ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora</u> (1) Biro ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora igizwe na Perezida na Visi Perezida ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora. (2) Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yitabira inama za Biro ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora. Ayigira inama akanayibera umwanditsi.	<u>Article 22: Composition of the Bureau of the National Electoral Commission</u> (1) The Bureau of the National Electoral Commission consists of a Chairperson and a Vice Chairperson of the National Electoral Commission. (2) The Executive Secretary of the National Electoral Commission attends meetings of the Bureau of the National Electoral Commission. He or she gives advice to the Bureau and serves as its rapporteur.	<u>Article 22: Composition du Bureau de la Commission nationale électorale</u> (1) Le Bureau de la Commission nationale électorale est composé d'un Président et d'un Vice-président de la Commission nationale électorale. (2) Le Secrétaire exécutif de la Commission nationale électorale participe aux réunions du Bureau de la Commission nationale électorale. Il donne des conseils à ce dernier et en est le rapporteur.

<u>Akiciro ka 3: Ubunyamabanga Nshingwabikorwa</u>	<u>Subsection 3: Executive Secretariat</u>	<u>Sous- section 3: Secrétariat exécutif</u>
<u>Ingingo ya 23: Inshingano z'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa</u>	<u>Article 23: Responsibilities of the Executive Secretariat</u>	<u>Article 23: Attributions du Secrétariat exécutif</u>
Ubunyamabanga Nshingwabikorwa ni urwego rwa tekiniiki rwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora rufite inshingano yo gutunganya imirimo ya buri munsu ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, mu gutegura no gukora imirimo yose ijyanye n'amatora, harimo: (a) gutegura gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora n'ingengo y'imari yabyo; (b) gutegura raporo y'ibikorwa; (c) gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inama y'Abakomiseri; (d) gutegura imishinga y'amabwiriza yerekeye imiyoborere y'amatora; (e) gutegura umushinga w'imfashanyigisho ku burere mboneragihugu mu birebana n'amatora; (f) gutegura ilisiti y'itora; (g) gutegura umushinga w'amategeko	The Executive Secretariat is the technical organ of the National Electoral Commission which is responsible for ensuring the daily running of the National Electoral Commission by preparing and executing all election-related activities, including: (a) preparing the action plan of the National Electoral Commission and related budget; (b) preparing activity report; (c) implementing the resolutions of the Council of Commissioners; (d) preparing draft instructions relating to electoral process; (e) preparing draft civic education manual on elections; (f) preparing the voters' register; (g) preparing the draft internal rules and	Le Secrétariat exécutif est l'organe technique de la Commission nationale électorale chargé d'assurer le fonctionnement quotidien de la Commission nationale électorale en préparant et en exécutant toutes les activités relatives aux élections, y compris: (a) préparer le plan d'action de la Commission nationale électorale et le budget y afférent; (b) préparer le rapport d'activités; (c) exécuter les résolutions du Collège des commissaires; (d) préparer les projets d'instructions relatives au processus électoral; (e) préparer le projet de manuel d'éducation civique sur les élections; (f) préparer la liste électorale; (g) élaborer le projet de règlement

ngengamikorere ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora; (h) gukora undi murimo ujyanye n'inshingano za Komisiyo y'Igihugu y'Amatora bwashingwa n'Inama y'Abakomiseri. <u>Ingingo ya 24: Abagize Ubunyamabanga Nshingwabikorwa</u> Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bugizwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa, Umunyamabanga Nshingwabikorwa Wungirije n'abandi bakozi bakora imirimo ya buri muni hakurikijwe imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo igenwa n'iteka rya Minisitiri w'Intebe. <u>Ingingo ya 25: Inshingano z'Umunyamabanga Nshingwabikorwa</u> Umunyamabanga Nshingwabikorwa afite inshingano zikurikira: (a) guhuriza hamwe no kuyobora imirimo y'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa; (b) kuba umwanditsi w'inama z'Inama y'Abakomiseri n'iza Biro ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora;	regulations of the National Electoral Commission; (h) performing any such other duty falling within the responsibilities of the National Electoral Commission as may be assigned by the Council of Commissioners. <u>Article 24: Composition of the Executive Secretariat</u> The Executive Secretariat consists of an Executive Secretary, Deputy Executive Secretary and other staff members who carry out the daily activities in accordance with the organisational structure determined by an Order of the Prime Minister. <u>Article 25: Responsibilities of the Executive Secretary</u> The Executive Secretary has the following responsibilities: (a) to coordinate and manage activities of the Executive Secretariat; (b) to serve as rapporteur of the meetings of the Council of Commissioners and the Bureau of the National Electoral	d'ordre intérieur de la Commission nationale électorale; (h) accomplir toute autre tâche relevant des attributions de la Commission nationale électorale que le Collège des commissaires peut lui assigner. <u>Article 24: Composition du Secrétariat Exécutif</u> Le Secrétariat exécutif est composé d'un Secrétaire exécutif, d'un Secrétaire exécutif adjoint et d'autres membres du personnel qui s'occupent des activités quotidiennes conformément à la structure organisationnelle fixée par arrêté du Premier Ministre. <u>Article 25: Attributions du Secrétaire exécutif</u> Le Secrétaire exécutif a les attributions suivantes: (a) coordonner et diriger les activités du Secrétariat exécutif; (b) faire office de rapporteur des réunions du Collège des commissaires et du Bureau de la Commission nationale
--	--	---

	Commission;	électorale;
(c) gucunga abakozi n'umutungo bya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora hakurikijwe amategako abigenga;	(c) to manage staff members and the property of the National Electoral Commission in accordance with relevant legislation;	(c) gérer le personnel et le patrimoine de la Commission nationale électorale conformément à la législation en la matière;
(d) gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inama y'Abakomiseri;	(d) to implement the resolutions of the Council of Commissioners;	(d) exécuter les résolutions du Collège des commissaires;
(e) gutegura no gushyikiriza Inama y'Abakomiseri gahunda y'ibikorwa n'imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari bya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora kugira ngo byemezwe;	(e) to prepare and submit the action plan and draft budget proposal of the National Electoral Commission to the Council of Commissioners for approval;	(e) préparer et soumettre au Collège des commissaires le plan d'action et l'avant-projet de budget de la Commission nationale électorale pour approbation;
(f) gutegura no gushyikiriza Inama y'Abakomiseri raporo y'ibikorwa n'iy'imikoreshereze y'ingengo y'imari ya buri gihembwe na buri mwaka;	(f) to prepare and submit to the Council of Commissioners quarterly and annual activity and budget execution reports;	(f) préparer et soumettre au Collège des commissaires les rapports trimestriels et annuels d'activités et d'exécution du budget;
(g) gutegura inyandiko zose zishyikirizwa Inama y'Abakomiseri;	(g) to prepare all documents to be submitted to the Council of Commissioners;	(g) préparer tous les documents à soumettre au Collège des commissaires;
(h) gukora undi murimo ujyanye n'inshingano za Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yashingwa n'Inama y'Abakomiseri.	(h) to perform any such other duty falling within the responsibilities of the National Electoral Commission as may be assigned by the Council of Commissioners.	(h) accomplir toute autre tâche relevant des attributions de la Commission nationale électorale que le Collège des commissaires peut lui assigner.

<u>Ingingo ya 26: Inshingano z'Umunyamabanga Nshingwabikorwa Wungirije</u> Umunyamabanga Nshingwabikorwa Wungirije afite inshingano zikurikira: (a) kunganira Umunyamabanga Nshingwabikorwa mu nshingano ze no kumusimbura igihe adahari; (b) gukurikirana ibikorwa by'amatora; (c) gukurikirana imikorere y'abakozi bashinzwe ibikorwa by'amatora; (d) gukora undi murimo ujyanye n'inshingano za Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yashingwa n'Inama y'Abakomiseri.	<u>Article 26: Responsibilities of the Deputy Executive Secretary</u> The Deputy Executive Secretary has the following responsibilities: (a) to assist the Executive Secretary in his or her responsibilities and replace him or her in case of absence; (b) to coordinate electoral operations; (c) to supervise staff in charge of electoral operations; (d) to perform any such other duty falling within the responsibilities of the National Electoral Commission as may be assigned by the Council of Commissioners.	<u>Article 26: Attributions du Secrétaire exécutif adjoint</u> Le Secrétaire exécutif adjoint a les attributions suivantes: (a) assister le Secrétaire exécutif dans ses attributions et le remplacer en cas d'absence; (b) coordonner les opérations électorales; (c) superviser le personnel chargé des opérations électorales; (d) accomplir toute autre tâche relevant des attributions de la Commission nationale électorale que le Collège des commissaires peut lui confier.
<u>Icyiciro cya 2: Imikorere</u> <u>Akiciro ka mbere: Imikorere y'Inama y'Abakomiseri</u> <u>Ingingo ya 27: Inama y'Inama y'Abakomiseri</u> (1) Inama y'Inama y'Abakomiseri iterana igihe cyose bibaye ngombwa, itumijwe na Perezida	<u>Section 2: Functioning</u> <u>Subsection One: Functioning of the Council of Commissioners</u> <u>Article 27: Meeting of the Council of Commissioners</u> (1) The meeting of the Council of Commissioners is held whenever necessary, at the invitation of its	<u>Section 2: Fonctionnement</u> <u>Sous-section première: Fonctionnement du Collège des commissaires</u> <u>Article 27: Réunion du Collège des commissaires</u> (1) La réunion du Collège des commissaires se tient chaque fois que de besoin, sur convocation de son

wayo cyangwa Visi-Perezida igihe Perezida adahari.	Chairperson or Vice Chairperson in case of the latter's absence.	Président ou, en l'absence de ce dernier, de son Vice-président.
(2) Iyo Perezida na Visi Perezida batabonetse, umukomiseri mukuru mu myaka atumiza akanayobora inama, bisabwe nibura na bibiri bya gatatu by'abakomiseri bahari.	(2) In case both the Chairperson and the Vice Chairperson are absent, the oldest commissioner in terms of age convenes and presides over the meeting at the request of at least two-thirds of the commissioners present.	(2) En cas d'absence du Président et du Vice-président, le commissaire le plus âgé convoque et préside la réunion à la demande d'au moins deux tiers des commissaires présents.
(3) Abagize Inama y'Abakomiseri batumirwa mu nama zayo nibura iminsi itatu mbere y'uko inama iterana hakoreshejwe urwandiko rw'ubutumire rukubiyemo ibiri ku murongo w'ibygwa, ariko igihe hari ibyihutirwa icyo gihe gishobora kutubahirizwa.	(3) Members of the Council of Commissioners are invited to its meetings at least three working days before the meeting through a meeting notice indicating the agenda, and such a time period may, however, not be adhered to in case of urgent matters.	(3) Les membres du Collège des commissaires sont invités à ses réunions, au moins trois jours ouvrables avant la réunion au moyen d'un avis de convocation indiquant l'ordre du jour, et ce délai ne peut toutefois pas être respecté en cas de questions urgentes.
(4) Abagize Inama y'Abakomiseri bashobora gutanga ubugororangingo ku biri ku murongo w'ibygwa, ubwo bugororangingo bukemezwa nibura na bibiri bya gatatu by'abitabiriye inama.	(4) Members of the Council of Commissioners may propose an amendment to be made to items on the agenda, and such an amendment is approved by at least two-thirds of the members in attendance at the meeting.	(4) Les membres du Collège des commissaires peuvent proposer une modification de points inscrits à l'ordre du jour, et une telle modification est approuvée par au moins deux tiers des membres présents à la réunion.
(5) Umubare wa ngombwa kugira ngo inama y'Inama y'Abakomiseri iterane ni nibura bibiri bya gatatu by'abayigize.	(5) The quorum for a meeting of the Council of Commissioners is at least two-thirds of its members.	(5) Le quorum requis pour la réunion du Collège des commissaires est la présence d'au moins deux tiers de ses membres.

<u>Ingingo ya 28: Inyungu bwite ku ngingo isuzumwa</u> (1) Iyo umwe mu bagize Inama y'Abakomiseri afite inyungu bwite ku ngingo isuzumwa, abimenyesha bidatinze Inama y'Abakomiseri aho inyungu ye ishingiyeye. (2) Uwamenyesheje inyungu afite ku ngingo isuzumwa, ntiyitabira inama yiga kuri iyo ngingo. <u>Ingingo ya 29: Itumira ry'undi muntu mu nama y'Inama y'Abakomiseri</u> Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora cyangwa umusimbura we, abyumvikanyeho n'abandi bakomiseri, ashobora gutumira mu nama y'Inama y'Abakomiseri umuntu wese abona ko ashobora kuyungura inama ku ngingo runaka iri ku murongo w'ibyigwa. Icyo gihe utumiwe nta burenganzira agira bwo gutora mu gihe cy'ifata ry'ibyemezo kandi atanga gusa ibitekerezo ku ngingo zerekeranye n'ibyo yasabwe gutangaho inama.	<u>Article 28: Personal interest in an item under consideration</u> (1) If a member of the Council of Commissioners has a personal interest in an item under consideration, he or she immediately informs the Council of Commissioners of the nature of such an interest. (2) A person having reported having a personal interest in an item under consideration does not attend the meeting at which the item is discussed. <u>Article 29: Invitation of a resource person to the meeting of the Council of Commissioners</u> The Chairperson of the National Electoral Commission or his or her replacement, in agreement with other commissioners, may invite to the meeting of the Council of Commissioners any resource person he or she believes can advise the Council on any item on the agenda. The person thus invited does not have the right to vote, and speaks only on the items related to matters on which his or her advice is sought.	<u>Article 28: Intérêt personnel dans un point à examen</u> (1) Si un membre du Conseil des commissaires a un intérêt personnel dans un point à examen, il informe immédiatement le Conseil des commissaires de ce en quoi réside cet intérêt. (2) Celui qui a déclaré avoir un intérêt personnel dans un point à examen ne participe pas à la réunion dans laquelle ce point est examiné. <u>Article 29: Invitation d'une personne ressource à la réunion du Collège des commissaires</u> Le Président de la Commission nationale électorale ou son remplaçant, en accord avec les autres commissaires, peut inviter à la réunion du Collège des commissaires toute personne ressource qu'il juge capable d'éclairer ce dernier sur un point quelconque inscrit à l'ordre du jour. La personne ainsi invitée ne dispose pas de voix délibérative et n'intervient que sur les points en rapport avec les questions sur lesquelles ses avis sont sollicités.
--	--	--

<u>Ingingo</u> <u>ya</u> <u>30:</u> <u>Ibyemezo</u> <u>n'inyandikomvugo by'inama y'Inama</u> <u>y'Abakomiseri</u>	<u>Article 30: Decisions and minutes of the</u> <u>meeting of the Council of</u> <u>Commissioners</u>	<u>Article 30: Décisions et procès-verbal du</u> <u>Collège des commissaires</u>
(1) Inama y'Inama y'Abakomiseri ifata ibyemezo ku bwumvikane busesuye. Iyo ubwumvikane busesuye butabonetse, ibyemezo bifatwa ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu by'abagize Inama y'Abakomiseri bari mu nama. (2) Umunyamabanga Nshingwabikorwa yitabira inama z'Inama y'Abakomiseri ariko ntatora mu gihe cyo gufata ibyemezo. (3) Inyandiko y'ibyemezo by'inama y'Inama y'Abakomiseri ishyirwaho umukono n'abakomiseri bitabiriye, inama ikirangira. (4) Inyandiko mvugo y'inama y'Inama y'Abakomiseri ishyirwaho umukono n'umuyobozi w'inama n'umwanditsi wayo, ikemezwa mu nama ikurikira.	(1) The meeting of the Council of Commissioners makes decisions by consensus. If no consensus is reached, decisions are made by a two-thirds majority of the commissioners in attendance at the meeting. (2) The Executive Secretary attends the meetings of the Council of Commissioners, but without having the right to vote. (3) A document of resolutions of the meeting of the Council of Commissioners is signed by commissioners in attendance at the meeting, immediately after the meeting. (4) Minutes of the meeting of the Council of Commissioners are signed by the chair of the meeting and its rapporteur and approved at the next meeting.	(1) La réunion du Collège des commissaires prend ses décisions par consensus. À défaut de consensus, les décisions sont prises à la majorité des deux tiers des commissaires présents à la réunion. (2) Le Secrétaire exécutif participe aux réunions du Collège des commissaires, mais sans voix délibérative. (3) Un document des résolutions de la réunion du Collège des commissaires est signé par les commissaires présents à la réunion, immédiatement après la réunion. (4) Le procès - verbal de la réunion du Collège des commissaires est signé par le président de la réunion et son rapporteur et est approuvé à la réunion suivante.

<u>Akiciro ka 2:</u> Imikorere ya Biro ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora n'iy'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa	<u>Subsection 2:</u> Functioning of the Bureau of the National Electoral Commission and the Executive Secretariat	<u>Sous-section 2:</u> Fonctionnement du Bureau de la Commission nationale électorale et du Secrétariat exécutif
<u>Ingingo ya 31:</u> Inama ya Biro ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora	<u>Article 31:</u> Meeting of Bureau of the National Electoral Commission	<u>Article 31:</u> Réunion du Bureau de la Commission nationale électorale
(1) Inama ya Biro ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora iterana igihe cyose bibaye ngombwa, itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida. (2) Umunyamabanga Nshingwabikorwa ni we mwanditsi w'inama ya Biro ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora. (3) Inyandiko y'ibyemezo by'inama ishyirwaho umukono n'abagize Biro ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora bitabiriye inama.	(1) The meeting of the Bureau of the National Electoral Commission is held whenever necessary, convened and presided over by the Chairperson. (2) The Executive Secretary serves as rapporteur for the meeting of the Bureau of the National Electoral Commission. (3) A document of resolutions of the meeting is signed by members of the Bureau of the National Electoral Commission in attendance at the meeting.	(1) La réunion du Bureau de la Commission nationale électorale se tient chaque fois que de besoin, convoquée et dirigée par le Président. (2) Le Secrétaire exécutif fait office de rapporteur pour la réunion du Bureau de la Commission nationale électorale. (3) Un document des résolutions de la réunion est signé par les membres du Bureau de la Commission nationale électorale présents à la réunion.
<u>Ingingo ya 32:</u> Ubunyamabanga Nshingwabikorwa	<u>Article 32:</u> Executive Secretariat	<u>Article 32:</u> Secrétariat exécutif
Amategeko ngengamikorere ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora akena imikorere y'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa.	The internal rules and regulations of the National Electoral Commission determine the functioning of the Executive Secretariat.	Le règlement d'ordre intérieur de la Commission nationale électorale détermine le fonctionnement du Secrétariat exécutif.

<u>UMUTWE WA IV: ABAKOZI N'UMUTUNGO BYA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA</u> <u>Ingingo ya 33: Gushaka abakozi</u> (1) Abakozi ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora bashakwa kandi bagacungwa hakurikijwe sitati rusange igenga abakozi ba Leta. (2) Mu gihe cy'amatora, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ishaka abakozi bagengwa n'amasezerano hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko abigenga. <u>Ingingo ya 34: Abakorerabushake b'amatora</u> Mu gihe cy'amatora, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ishyiraho abakorerabushake b'amatora ku nzego z'imitegekere y'Igihugu. <u>Ingingo ya 35: Umutungo n'inkomoko yawo</u> (1) Umutungo wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa.	<u>CHAPTER IV: STAFF AND PROPERTY OF THE NATIONAL ELECTORAL COMMISSION</u> <u>Article 33: Staff recruitment</u> (1) The staff of the National Electoral Commission is recruited and managed in accordance with the general statute governing public servants. (2) During the election period, the National Electoral Commission recruits contractual staff in accordance with the provisions of relevant legislation. <u>Article 34: Electoral volunteers</u> During the election period, the National Electoral Commission recruits electoral volunteers at the level of administrative entities of the country. <u>Article 35: Property and its sources</u> (1) The property of the National Electoral Commission comprises movable and immovable assets.	<u>CHAPITRE IV: PERSONNEL ET PATRIMOINE DE LA COMMISSION NATIONALE ÉLECTORALE</u> <u>Article 33: Recrutement du personnel</u> (1) Le personnel de la Commission nationale électorale est recruté et géré conformément au statut général régissant les agents de l'État. (2) Pendant la période électorale, la Commission nationale électorale recrute le personnel contractuel conformément aux dispositions de la législation en la matière. <u>Article 34: Volontaires électoraux</u> Pendant la période électorale, la Commission nationale électorale recrute des volontaires électoraux au niveau des entités administratives du pays. <u>Article 35: Patrimoine et ses sources</u> (1) Le patrimoine de la Commission nationale électorale se compose des biens meubles et immeubles.
--	---	---

(2) Umutungo wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ukomoka kuri ibi bikurikira: (a) ingengo y'imari ya Leta; (b) inkunga z'abafatanyabikorwa; (c) impano n'indagano. <u>UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA</u> <u>Ingingo ya 36: Ingingo y'ururimi</u> Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda. <u>Ingingo ya 37: Abakomiseri basanzweho</u> Abakomiseri basanzweho hakurikijwe itegeko n° 31/2005 ryo ku wa 24/12/2005 rigena imiterere n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora nk'uko ryahinduwe bakomeza imirimo yabo nk'uko basanzwe bakora kugeza igihe hashyiriweho Abakomiseri bakora hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko.	(2) The property of the National Electoral Commission comes from the following sources: (a) State budget allocations; (b) partners' subsidies; (c) donation and bequests. <u>CHAPTER V: FINAL PROVISIONS</u> <u>Article 36: Language provision</u> This Law was drafted, considered and adopted in Ikinyarwanda. <u>Article 37: Currently serving commissioners</u> Commissioners currently serving by virtue of Law n° 31/2005 of 24/12/2005 relating to the organisation and functioning of the National Electoral Commission as amended continue to serve until the appointment of commissioners serving in accordance with the provisions of this Law.	(2) Le patrimoine de la Commission nationale électorale provient des sources suivantes: (a) allocations budgétaires de l'État; (b) subventions des partenaires; (c) dons et legs. <u>CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES</u> <u>Article 36: Disposition linguistique</u> La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Ikinyarwanda. <u>Article 37: Commissaires actuellement en fonction</u> Les commissaires qui sont actuellement en fonction en vertu de la Loi n° 31/2005 du 24/12/2005 portant organisation et fonctionnement de la Commission nationale électorale telle que modifiée demeurent en fonction jusqu'à la nomination des commissaires exerçant leurs fonctions conformément aux dispositions de la présente loi.
--	--	---

<u>Ingingo ya 38: Ingingo ivanaho</u> Itegeko n° 31/2005 ryo ku wa 24/12/2005 rigena imiterere n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora nk'uko ryahinduwe rivanyweho.	<u>Article 38: Repealing provision</u> Law n° 31/2005 of 24/12/2005 relating to the organisation and functioning of National Electoral Commission as amended is repealed.	<u>Article 38: Disposition abrogatoire</u> La Loi n°31/2005 du 24/12 /2005 portant organisation et fonctionnement de la Commission nationale électorale telle que modifiée est abrogée.
<u>Ingingo ya 39: Gutangira gukurikizwa</u> Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	<u>Article 39: Entry into force</u> This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	<u>Article 39: Entrée en vigueur</u> La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, 06/05/2024

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika
President of the Republic
Président de la République

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Minisitiri w'Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux